**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**B.P. 2197 KIGALI**

# ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Ubuyobozi bw'Urukiko rw'Ikirenga buramenyesha abantu bose ko kuva ku itariki ya **19 Nzeli 2016,** uburyo bw'ikoranabuhanga bushyashya bwifashishwa **mu gutanga ibirego**, gukurikirana no gucunga imanza, **IECMS (Integrated Electronic Case Management)** bwatangiye gukoreshwa no mu zindi nkiko zitari izo mu mujyi wa Kigali gusa.

Ubu abatanga ibirego mu Rukiko rw'Ikirenga, mu Rukiko Rukuru n'ingereko zarwo, mu Nkiko z'Ubucuruzi, mu Nkiko Zisumbuye zose barabikora bifashishije iryo koranabuhanga. Ibyo ni nako bimeze no mu nkiko z'Ibanze zikurikira.

1. TB Bwishyura
2. TB Cyeru
3. TB Gacurabwenge
4. TB Gakenke
5. TB Gasaka
6. TB Gicumbi
7. TB Gisenyi

08. TB Kacyiru
09. TB Kagarama
10. Kamembe
11. Kibungo
12. Kiramuruzi
13. TB Kirehe
14. TB Muhoza

15. TB Nyagatare
16. TB Nyamirambo
17. TB Nyarugenge
18. TB Ruhango
19. TB Rusororo
20. TB Sake

Ushaka gutanga ikirego yifashishije ubu buryo, anyura ku rubuga rw'Urwego rw'Ubucamanza www.judiciary.gov.rw.; akajya ahanditse IECMS, agakanda ahanditse "case Filing and Followup" ubundi agakurikiza amabwiriza. Ugize ikibazo asaba ibisobanuro yifashishije e-mail ikurikira: niceson.karungi@judiciary.gov.rw cyangwa kuri telephone itishyurwa: **3670**

*Bikorewe i Kigali, ku wa 19 Nzeli 2016*

**Prof. Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru yUbucamanza**